

Urakoze ku bwo kuduhitamo ngo tuguhe ubuvuzi bw'ibyo ukeneye Intego yacu ni uguha abarwayi bose serivisi z'ubuvuzi zifite ireme ryo hejuru hatitawe ku buryo bahagaze mu bigendanye n'amafaranga. Duha abarwayi ubufasha bw'amafaranga yo gukoreshwa mu buvuzi bw'indembe n'ubundi buvuzi bwa ngombwa hakurikijwe Amabwiriza yacu agenga ubufasha bw'amafaranga (Amabwiriza).

### **Ni nde wemerewe?**

Duha ubufasha bw'amafaranga abarwayi bujuje ibisabwa n'amabwiriza yacu. Kwemererwa bishingira ku bintu byinshi, harimo kwishyurirwa ubwishingizi n'ahandi haturuka amafaranga yo kwishyura (nko gusaba indishyi kubera wakomeretse), amafaranga yinjizwa, ingano y'umuryango n'imitungo. Aya mabwiriza aha ubuvuzi bw'ubuntu abagerageje ubundi buryo bwose bwo kwishyura, kandi:

- Urugo rwabo rukaba rwinjiza amafaranga angana cyangwa ari muni ya 250% byamabwiriza agenga igipimo cy'ubukene mu mwaka barimo;
- Batanze ubusabe bwujye neza.

Niba wemerewe ubufasha bw'amafaranga, ntuzacibwa amafaranga arenga asanzwe acibwa abahabwa ubuvuzi bw'indembe cyangwa ubuvuzi bwa ngombwa.

Hashobora kandi no kuboneka ubufasha bw'amafaranga buhabwa abagize ibyago uramutse wahuye n'ikibazo gikomeye cy'ubuvuzi n'amafaranga.

### **Aho wasanga kopi z'ubuntu z'Amabwiriza yacu agenga ubufasha bw'amafaranga n'ubusabe**

Aho wasanga kopi z'ubuntu z'Amabwiriza yacu agenga ubufasha bw'amafaranga n'ubusabe Ushobora kubisaba kuri telefone, iposita, cyangwa imeyili. Biboneka ku mbuga zacu aho wabikurura cyangwa ukabicapa. Kopi kandi ziboneka ku bitaro byacu aho babariza amakuru, ibiro biyandikishirizamo cyangwa amashami ashinzwe kwita ku ndembe.

### **Serivisi z'ubusemuzi zirahari**

Ubusemuzi bw'amabwiriza yacu, Ubusabe, n'iyi ncamake biboneka mu zindi ndimi iyo bisabwe cyangwa biciye mu gusura imbuga zarondowe iburyo.

### **Ubufasha burahari**

Abajyanama mu by'Amafaranga n'Abajyanama mu by'Inyungu barahari kugira ngo bagufashe kuzuza ubusabe bwawe bw'ubufasha bw'amafaranga. Bashobora kugerwaho biciye mu kubahamagara cyangwa kubandikira nk'uko byasobanuwe mu give cya "Uko batanga Ubusabe". Bashobora kandi no kugufasha kwiyandikisha kugira ngo uhabwe ubwishingizi biciye mu bwishingizi bw'ubuzima utasanga ahandi cyangwa porogaramu za Medicaid za Leta ya Michigan.

### **Uko batanga ubusabe**

#### **Corewell Health Southeast Michigan**

- Kwigira ku bitaro ibyo ari byo byose bya Corewell Health, harimo na kampisi ihereye kuri 3601 W. 13 Mile Rd., Royal Oak, MI 48073
- Ukoresheje iposita, andikira Corewell Health Financial Counseling, 3601 W. 13 Mile Rd., Royal Oak, MI 48073
- Uhamagaye 877.687.7309
- Ugiyekuri [beaumont.org/patients-families/billing/financial-assistance](http://beaumont.org/patients-families/billing/financial-assistance)
- Ukoresheje imeyili [EastFinancialCounseling@corewellhealth.org](mailto:EastFinancialCounseling@corewellhealth.org)

#### **Corewell Health Southwest Michigan**

- Igire ku Bitaro ibyo ari byo byose bya Corewell Health, harimo na kampisi ihereye kuri 1234 Napier Avenue, St. Joseph, MI 49085
- Ukoresheje iposita, andikira Corewell Health Financial Counseling ubujyanama mu by'Amafaranga, 1234 Napier Avenue, St. Joseph, MI 49085
- Uhamagaye 844.408.4103
- Ugiye kuri [spectrumhealthlakeland.org/patient-visitor-guide/patient/billing/financial-assistance](http://spectrumhealthlakeland.org/patient-visitor-guide/patient/billing/financial-assistance)
- Ukoresheje imeyili [SHLFinancialCounseling@corewellhealth.org](mailto:SHLFinancialCounseling@corewellhealth.org)

#### **Corewell Health West Michigan**

- Igire ku Bitaro ibyo ari byo byose bya Corewell Health, harimo na kampisi nkuru ihereye muri 100 Michigan, Grand Rapids, MI 49503
- Ukoresheje iposita, Andikira Ubujyanama mu by'amafaranga bwa Corewell Health Financial Counseling, 100 Michigan, Grand Rapids, MI 49503
- Uhamagaye 844.838.3115
- Ugiye kuri [spectrumhealth.org/billing/financial-assistance](http://spectrumhealth.org/billing/financial-assistance)
- Ukoresheje imeyili [FinancialCounseling@corewellhealth.org](mailto:FinancialCounseling@corewellhealth.org)